# Sobanukirwa iby’Igihembwe cy’Urugaryi rwa 2025 cy'Umunyeshuri wawe Indangamanota y'Isuzumabumenyi y'Umwaka muri Maine

## Igipimo cy'Amanota muri Maine

Imirongo y'amabara, ishushanyije itambitse ku ndangamanota y'umunyeshuri wawe igaragaza igipimo cy'amanota y'umunyeshuri wawe muri Maine. Aya manota apima imikorere y'umunyeshuri wawe muri iri suzuma hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi mu gusoma n'imibare mu mwaka yigamo hagendewe ku bipimofatizo bya leta ku kigero cye.

Isuzuma ryo gusoma mu cyiciro cya 4 ripima ubushobozi nko:

- Gukora incamake y'ingingo z'ingenzi mu nkuru, imikino, imivugo, n'inyandiko ikubiyemo amakuru.
- Gukoresha amakuru n'ingero ukuye mu nyandiko mu gusobanura icyo inyandiko isobanuye.
- Guhuza ibintu ukoresheje ibimenyetso wakuye mu nyandiko.
- Kumenya ubutumwa n'isomo ukwiye kuvana mu nkuru, umukino, cyangwa umuvugo ukoresheje amakuru y'ingenzi.
- Kugereranya no gutandukanya inkuru zanditswe n'abanditsi batandukanye cyangwa bo mu mico itandukanye.

Isuzuma ry'imibare mu cyiciro cya 4 ripima ubushobozi nko:

- Gukuba no kugabanya imibare igizwe n'imibare myinshi.
- Gusobanukirwa imigabane ingana.
- Guteranya no gukuramo imigabane ifite icyitarusange kimwe.
- Gukuba imigabane n'umubare umwe.
- Gushyira mu byiciro ibinyampande ugendeye ku miterere yabyo.

Igipimo cy'Amanota muri Maine gihuzwa n'urugero rw'ibyo Yagezeho aho bisobanura neza imikorere y'umunyeshuri hagendewe kubyo leta imutegerejeho. Urugero rw'ibyo Yagezeho ni Munsi cyane y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Munsi y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Ibyo Leta Imutegerejeho, no Hejuru y'Ibyo Leta Imutegerejeho.

## Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho

I gikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho gitanga amakuru arambuye ku bipimofatizo mu myigire runaka byasuzumwe kuri buri cyiciro n'ibikubiye muri ibyo bipimofatizo mu bushobozi butandukanye kuri buri rugero rw'ibyo yagezeho.

*Uko wabona Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho*